

*clpe*

K0248661

REPUBLICA Y'U RWANDA  
PEREFEGITURA YA KIBUYE

Kibuye, ku wa 8.6.94

No B25 /04.09.01

CASE NO: ICR-98-41-1  
EXHIBIT NO: P 44 A  
DATE ADMITTED: 20-11-2006  
TENDERED BY: PROSECUTOR  
NAME OF WITNESS: KANIBANDA

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe  
KIGALI

Impamvu: Kohereza inyandikomvugo  
y'inama yo ku wa  
3 Gicurasi 1994.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe,

Nishimiye kuboherereza ku mugereka w'iyi  
baruwa inyandikomvugo y'inama y'umutekano mwayoboye kuri Perefegitura KIBUYE  
ku itariki ya 3 Gicurasi 1994.

M bifurije kubyakira neza.

C.P.I.a:

- Monicen Le Bayonstre a

Perefe wa Perefegitura KIBUYE  
Dr KAYISHEMA Kelementi.-

*[Signature]*  


KO248662

INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'UMUTEKANO YA PEREFEGITURA KIBUYE YAYOBOWE  
NA NYAKUBAHWA BWANA MINISITIRI W'INTEBE KANBANDA YOHANI  
KU WA KABIRI TARIKI YA 3 GICURASI 1994

ABAJE MU NAMA: Umugereka lisiti y'abaje mu nama.

IBYARI KU MURONGO W'IBYIGWA : Iyi nama y'umutekano yari ikubiye mu ngingo imwe rukumbi yo gushaka uburyo amahoro n'umutekano byagaruka, ikaba yari igizwe n'ubutumwa n'amagambo by'Abategetsi hamwe n'ibibazo by'abaje mu nama.

Dore uko amagambo yakurikiranye.

- I. Ijambo rya Bwana Perefe wa Perefegitura Kibuye
- II. Ijambo rya Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe
- III. Ubutumwa bw'abahagarariye amashyaka mu nama
  - 1o - M.R.N.D. yavugiwe na Maitre KAREMERA Edouard, Vice Perezida wa Mbere w'Ishyaka rya M.R.N.D. mu rwego rw'Ighugu.
  - 2o - M.D.R. yavugiwe na Dr MUREGO DOnati, Umunyamabanga Mukuru w'Ishyaka rya M.D.R. mu rwego rw'Ighugu.
  - 3o - P.S.D. yavugiwe na Bwana NDINDABAHIZI Emmanuel Minisitiri w'Imari akaba na Perezida na P.S.D. MURI Kibuye.
- IV. Ibisubizo bya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe ku bibazo byo mw'ijambo rya Perefe.
- V. Ibibazo n'ibisubizo byahawe abaje mu nama.
- VI. Ijambo ry'umwe mu baje mu nama wavuze mu kigwi cyabo.
- VII. Ijambo rya Bwana Perefe wa Perefegitura Kibuye risoza inama.

Inama yatangije imirimo yayo zaa yine n'iminota cumi n'itanu.

I. IJAMBO RYA BWANA PEREFE WA PEREFEGITURA KIBUYE.

Mu ijambo rya Bwana Perefe yifurije Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe kuza neza muri Kibuye hamwe n'abamuherereje, amusaba kuzahagaruka iyihe cy'amahoro kugira ngo bazanubwire imiterere yayo, kuko muri iki gihe nta kindi cyavugwa kitari ugushaka umutekano.

Perefe yavuze muri make ingorane zabonetse muri Kibuye mu myaka ya 92 na 93 zaranzwe n'isubiranamo ry'amoko, itwikwa ry'amazu n'amakawa,

...../....

ikomeretsa n'iyica ry'abantu, amakimbirane mu mashyaka bise kubohoza hamwe n'ihunga ry'abagogwe bisutse muri Rutsiro na Mabanza mu mpera z'umwaka wa 1992. Ibindi byago na n'ubu bikiri muri Kibuye ni inzara n'indwara z'ibyorezo.

Yashimiye Leta n'inzezo z'Ubutegetsi n'abagiraneza bafatanije kugarura umutekano bakoresha inama, batanga infashanyo kandi ashimira n'abaturage bazikurikije ku buryo bongeye kwita ku mirimo yabo basanganywe mu gutsura amajyambere mu by'ubukungu.

Perefefe yasobanuye ko nyuma y'urupfu rw'umukuru w'Igihugu wivuganywe n'abanzi ku wa 6 Mata 1994, ingorane zongeye kuboneka havuka imvururu zakuruwe n'agahinda abaturage batewe n'urupfu rwa Perezida bituma hashya amazu, hasahurwa ibintu ndetse n'abantu baricana. Nyuma y'inama nyinshi zo guhosha ubwo bugizi bwa nabi, ubu umutekano utangiye kugaruka ku buryo ku wa 25 Mata 1994 abakozi bongeye kugaruka ku mirimo yabo isanzwe.

Perefefe yashyikirije Minisitiri w'Intebe ibibazo biteye ingorane muri Kibuye kugira ngo umutekano utangiye kuboneka ushobore kubungwabungwa.

Ibyo bibazo muri make ni ibi:

- 1o Hari imirimo idashobora gutangira kuko abakozi bayo batazaboneka.
- 2o Umuco mubi w'ubwanganyi no kwhorera waje mu baturage
- 3o Hari abajandarume bamwe bahohotera abantu babaka amafaranga ubundi bagapfa ibisahurano.
- 4o Amakimbirane aterwa no kugabana imirima, amazu n'ibintu by'abadahari
- 5o Kugarura ibikoresho rusange byasahuwe
- 6o Kubura ibikoresho by'ibanze mu kazi ka Leta: nk'impapuro na lisansi
- 7o Inishahara y'abakozi yaratine.

Perefefe yashoje ashimira abagize amashyaka ari muri Guverinoma uburyo bashyizeho Perezida wa Repubulika na Guverinoma, yemeza ko abanyakibuye bose bashyigikiye izo nzego zatumye u Rwanda rudahera mu gihirahiro.

## II. IJAMBO RYA NYAKUBAHWA BWANA MINISITIRI W'INTEBE.

Ijambo rya Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe ryari rikubiye mu ngingo eshatu zikurikira:

- 1o Amabwiriza yo kugarura umutekano mu gihugu akubiye mu ibaruwa ye No 007/02.3.1994 yo ku wa 27 Mata 1994 yohererewe abaperefefe bose b'u Rwanda.
- 2o Ubutumwa Guverinoma y'u Rwanda yohererewe F.P.R. kugira ngo barebere hamwe uburyo intambara yarangira.
3. . mirwano :geze muri iki gihe n'icyakorwa ngo ishobore kurangira.
4. . ya 1: Mu ngingo ya mbere Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Bwana KAMBANDA Yohani yasobanuriye abari mu nama ko henshi mu gihugu hamwe inyandiko zemeza ko F.P.R. yari ifite ingabo yatoje ziri mu mitwe yitezwe Brigade kandi izo brigade zikaba zari mu makomini yose y'u Rwanda.

...../.....

- 3 -

Mu gihe F.P.R. yatangiraga kurasa ngo yigarurire Kigali ni bwo izo brigades zayo zashoje imvururu mu zakomi yose y'u Rwanda, ariko ingabo z'igihugu zahise zitabara ziburiza mo uwo mugambi mubi wo kudufatira ku ngufu igihugu. Amabwiriza yo kugarura umutekano yasobanuye ari ku mugereka w'iyi nyandikomvugo.

Ingingo ya 2: Ku byerekeye ubutumwa Guverinoma y'u Rwanda yoherereje F.P.R. kugira ngo intambara ihagarare, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yabubwiye abari mu nama mu magambo akurikira;

- Ntabwo F.P.R. ikwiriye kwigomba kuzabonana n'Ingabo z'u Rwanda yirengagiza Guverinoma kandi ari yo zikorera.
- F.P.R. YITWAZA KO ARI UMUTWE WA Politiki ikaba n'umutwe w'ingabo bigatuma ishaka kuduhenda ubwenge ngo iduce mo ibice bibili ijye yihererana kimwe kimwe ukwacyo ishobore kutuganza. Ntabwo ayo Mayeri yayo tuzayemera igomba kumenya ko Guverinoma y'u Rwanda ari yo ihagarariye abaturage igahagararira n'Ingabo z'Ighugu.
- Guverinoma y'u Rwanda yemera gusinya amasezerano yo guhagarika intambara, ariko F.P.R. igomba gusubiza ingabo zayo mu birindiro by'aho zahoze zitarongera gushoza imirwano.
- Abasirikare ba F.P.R. 600 bari muri Kigali baje kurinda abategetsi babo bagomba gusubira ku Murindi aho abo bategetsi basigaye baba kuko nta mpamvu igaragara yatuma bahama muri Kigali nta kazi bahafite.
- F.P.R. niyemere intumwa mpuzamahanga zizaze kureba abakora ubwicanyi mu nzirakarengane, n'abaharanira kugarura umutekano.

Kuri iyi ngingo y'ubwumvikane bwa F.P.R. na Guverinoma y'u Rwanda. Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yavuze ko nta na rimwe Guverinoma y'u Rwanda izongera kwemera ibyitso by'inkotanyi biyikorera mo. Yavuze ko Guverinoma y'u Rwanda ari iy'abanyarwanda, abashaka gufasha F.P.R. bazayisange ku Murindi bazazane na yo yemeye kuza muri Guverinoma yaguye nizemera kuyijyamo.

Yasabye abanyapolitiki bicecekeye ko bagomba guseruka bakagaragara, bakavuga niba baharanira inyungu z'abaturage cyangwa se niba babogamiye ku bitekerezo by'inkotanyi kuko utazagaragaza icyo atekereza atazazanwa gusa no gushaka imyanya mu gihe igihugu kizaba kimaze kugaruka mo amahoro.

Ingingo ya 3: Aho intambara igeze ubu.

Mbere yo gusobanura iyi ngingo Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe yamenyesheje abari mu nama uburyo F.P.R. itinya cyane abaturage. Ntishobora gukoresha mitingi kuko izi neza ko rubanda batakwishimira abantu bayo. Ariya Mayeri yayo yo gucengeza ingabo mu giturage zarasa rubanda rwose rugahunga yaravumbuwe. Guverinoma y'u Rwanda yatangiye gahunda yo kwigisha abaturage kwirengera bagahangana na zo ari byo bita Défense civile. F.P.R. yo irwanya ubwo buryo nyamara ni bwo twemeje ko bwaganza biriya bitero shuma birwana ku buryo bwa gerira. Muri buri segiteri hazatoranywa abasore hagati y'icumi na 20 bazatozwa bahabwe n'ibya ngombwa bifasha abaturage guhashya inkotanyi aho kumva amasasu bagahita bahunga kandi birukanywe n'agatsiko k'inkotanyi katabarusha imbaraga.

...../....

Mu gusobanura aho intambara igeze ubu, Nyakubahwa bwana Minisitiri w'Intebe yavuze uko biteye muri buri karare k'imirwano.

- Ku Gisenyi: Bahagaze neza cyane kuko n'Igihugu cya Zaire cyatwemereye ko kitazareka inkotanyi zidutera ziturutse iwabo kandi bwa buryo bwo guhangana n'umwanzi abaturage baho batangiye kubukoresha.
- Mu Ruhengeri: Ingabo z'u Rwanda zifashe neza ku buryo zacumye umwanzi zikamurenza Zone tampo none akaba asigaye abarizwa mu makomini atatu gusa ari yo Butaro, Kidabo na Cyeru. Abaturage baho n'abasirikare biteguye ko amabwiriza natangwa bazamuminura i Bugande.
- Muri Byumba: I Byumba habanje gutinda gato kugira ngo bashake inzira bahungishirizamo abanyeshuri 1000 bari bagotewemo. Ubu ingabo z'u Rwanda zashoboye kubageza i Shyorongi kandi ni zo zicunga umugi wa Byumba. Ubwo abo banyeshuri bari biteye ikibazo bahavuye, ingabo z'u Rwanda zizashushubikanya inkotanyi zizihirukane.
- Mu Mutara: F.P.R. yagabye udutero shuma twagiye turasa abaturage bikanga bagahunda. Ubu ingabo z'u Rwanda ziri mu kwisuganya nizihatera zizahabohoza nta kabuza.
- Kigali: Inkotanyi zavuye muri C.N.D. zitera i Remera. Zirigamba ko zafashe Kacyiru, Remera, Kagugu ku bitaro by'Umwami Fayisari na Rebero. Aho hose zahahawe n'amayeri yo kwikinga inyuma ya MINUAR ku buryo ingabo z'u Rwanda zibura uko zibarasa; zanga kuba zagusha amasasu mu bigo by'ingabo z'Umuryango w'abibumbye. Maracyigwa uburyo bwatuma MINUAR itazakomeza kuzikingira ahasigaye akazo kakazashoboka.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe yashoje iyi ngingo asaba abari mu nama ati: Nimwirinde impuha z'iterabwoba, mwumve neza, murebe kandi mushishoze, ntimugakangwe n'ubusa ngo muve mu byanyu, inkotanyi tuzazirwanya kandi tuzazitsinda.

### III. UBU TUMWA BW'ABAHAGARARIYE AMASHYAKA MU NAMA:

#### 1. M.R.N.D. yavugiwe na Maître KAREMERA Edouard.

Mhere yo gutangira ijambo rischozoa ubutumwa bw'ishyaka yari ahagarariye, yasabye abari mu nama bose guhaguruka no kuzitikana bucece mu gihe cy'umunota umwe Perezida HABYARIMANA wishwe n'abanzi b'u Rwanda we aharanira amahoro.

Mu butumwa yatanze, yabanje gushimira Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Bwana KAMBANDA Yohani ko yagendereye Perefegitura yacu ayizaniye ubutumwa bw'amahoro kandi yamusabye kuzadushimira Guverinoma ayoboye anayimenyesha ko abanyakibuye tuyishyigikiye.

Yakomeje ubutumwa ahereye kw'itangazo ryo ku wa 10 Mata 1994 amashyaka ari muri Guverinoma yoherereje abanyarwanda bose. Muri iryo tangazo, amashyaka agize Guverinoma aramenyesha ko:

...../.....

- 5 -

- Abantu bose bagomba guhana amahoro no kwirinda umwiryanre
- Guverinoma yemeye kuzahemba abaselire ariko na bo bagomba gukaza umurego mu gukora no kubahiriza umutekano.
- Amashyaka ari muri Guverinoma ashimira cyane ubutwari bw'ingabo z'u Rwanda kandi arasaba abaturage bose kuzitera inkunga.
- Arashimira abayoboke b'amashyaka yabo bafatanije gushyiraho Guverinoma yo kuvana u Rwanda mu gihirahiro.

Maitre KAREMERA kandi yemenyesheje abari mu nama ko n'andi mashyaka yo mu Rwanda atari muri Guverinoma yemeye kandi yashyigikiye Guverinoma ya KAMBANDA Yohani uretse ya yandi asanzwe azwi ko yiweguriye F.P.R.

Amaze kuvuga ubutumwa amashyaka agize Guverinoma yoherereje abanyarwanda bose, yakomeje amenyesha abagize inama uburyo Ishyaka rya M.R.N.D. ryakoze kugira ngo umutekano ugaruke mu gihugu. M.R.N.D. yaharaniye amahoro yandika amatangazo agenewe abarwanashyaka bayo n'abandi baturarwanda bose bifuriza u Rwanda amahoro. Ayo matangazo yakurikiranye atya:

- Ku wa 11 Mata 1994 M.R.N.D. yoherereje abarwanashyaka bayo ubutumwa bwo kubahumuriza no kubasaba kuzirkana umurage mwiza twasigiwe na HABYARIMANA wo guharanira amahoro mu Rwanda.
- Ku wa 23 Mata 1994 M.R.N.D. YASOHOYE ITANGAZO RYO GUSHYIGIKIRA Ingabo z'u Rwanda, isaba abanyarwanda bose ariko cyane cyane abarwanashyaka bayo ko bakaza umurego mu gushyigikira ingabo no gushyigikira ibikorwa bya Guverinoma bigamije kugarura ituze n'umutekano mu gihugu.
- Ku wa 25 Mata 1994 hasohotse itangazo ryo gushyigikira interahamwe no kuzishimira uruhare zagize mu gikorwa cyo kugarura amahoro mu gihugu zifatanije n'Ingabo z'u Rwanda.
- Ku wa 27 Mata 1994 M.R.N.D. yoherereje abarwanashyaka ubutumwa bwerekana uruhare ishyaka ryabo ryagize mu gushyiraho guverinoma hamwe n'ibyakozwe byose ngo amahoro n'umutekano bigaruke mu Rwanda. Muri ubwo butumwa hari ibikorwa bisabwa abayobozi b'ishyaka kugeza no ku bo mu nzego z'ibanze, hari n'ibisabwa abarwanashyaka bose kugira ngo buri wese agire uruhare mu guharanira amahoro y'iki gihugu.

Amaze kumenyesha abari mu nama ibikubiye muri ayo matangazo n'ubutumwa ishyaka ahagarariye ryoyerereje abarwanashyaka baryo, bakurikijeho ubutumwa bwihariye bugenewe interahamwe za M.R.N.D.

Ubwo butumwa burakangurira interahamwe gukomeza umurego wo kuvumbura, gukumira no kurwanya umwanzi zifatanije n'urubyiruko rwo mu yandi mashyaka ashaka amahoro y'u Rwanda. Yazisabye kuzaba nyambere mu kwitabira kirya gikorwa cyo kurengera u Rwanda ( Défense civile) kandi zikajya zifata mpiri umwangizi wese uzahemukira rubanda yikingirije imyambaro yazo.

Mu gusoza ubutumwa bw'ishyaka rya M.R.N.D., Maitre KAREMERA Edouard yasabye Guverinoma kwita ku kibazo cy'ibintu bitagifite bene byo none abaturage bakaba batangiye kubirwanira mo. Yasabye ko Guverinoma yakwiutira gutanga amabwiriza azafasha abategetsi gacunga neza ibintu by'inkungu ntibizashyamiranye abaturage. Yasabye ko n'abaturage bagombaga gukora inama zava mo ibitekerezo bizafasha abategetsi kuzabigena mu buryo bunejeje rubanda.

..../...

KO248667

Yarangije ashimira cyane Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe uburyo atanga ubuhanya adaciye ku ruhande, akaba avugira ku mugaragaro kandi yeruye ku buryo bitazarushya abaturage kumva neza icyo Guverinoma ayoboye agamije. Yamusabye ko ituze nirigaruka yazafasha Kibuye gusubukura imitege y'imishinga y'amajyambere yadindijwe n'iyi intambara.

2. M.D.R. Yavugiwe na Dr MUREGO Donati, Umunyamabanga wayo Mukuru mu rwego rw'Igihugu.

Intumwa ya M.D.R. Dr MUREGO Donati, yabanje gushimira Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe kubera ubutumwa bw'amahoro yagejeje ku banyakibuye, hanyuma ashimira na Perefe wa Perefegitura Kibuye kubera amagambo yavuze aremaabantu agatima n'ayandi agaragaza urugomo rugikururana ari na rwo iyi nama igamije gucubya.

Amaze kumenyesha abagize inama ko ubutumwa bw'ishyaka ahagarariye bugenewe abarwanashyaka baryo ku buryo bw'umwihariko, ariko akaba asaba n'abandi banyarwanda barukunda koko kubwumva no kubwitaho. Dr MUREGO ati:

- Igaruka ry'ituze rirava mu nama nk'iyyi twaje mo n'izindi zizakomeza kuremeshwa n'abategetsi n'abayobozi b'amashyaka batanga ihumure.
- Abantu batangiye kumva ko kwica, gusahura no guhohotera abandi atari byo bizakiza igihugu.
- Bariyeri ntizashyiriweho guhahira abazirinda ngo bahavane amaramuko, zigamije kugenzura abazerera mu karere no kumenya niba atari abanzi b'amahoro.
- Ufashwe wese ntagomba kugirirwa nabi, ukekwa ko yaba ari inkotanyi cyangwa ikitso cyazo ashyikirizwa ubutegetsi kuko ari bwo bwemerewe guhana abanyabaya.
- Nk'uko Minisitiri w'Intebe yabivuze, umwanzi w'u Rwanda ni F.P.R. n'ibyitso bye, umututsi wese si we cyitso.
- F.P.R. ntizongera kugira ibyitso mu butegetsi bw'u Rwanda kuko bushingiye kuri Repubulika na Demokarasi.
- Abarwanashyaka bacecetse nibagaragare. Niberure bavugire abaturage cyangwa se niba bashyigikiye F.P.R. baracyafite igithe.
- Bamenye ko ntawe usarura aho atabibye, ni yo mpamvu bagombaga gukora.
- Muri M.D.R., bamenye ko izirana n'uburyarya. Nibareke kuba ibirumira habiri no gutana, niberure bagaragaze icyo bemera.
- Muri M.D.R. twirinde imvugo yo gushyamiranya uturere, twirinde kutumvikana n'andi mashyaka kuko iki gihe atari icyo gushaka abayoboke ahubwo ni icyo gutabara u Rwanda tweze dushyize hamwe.
- Urubyiruko rwacu nirufatanye n'urw'andi mashyaka akunda u Rwanda nyabyo kuko dutahiriza umugozi umwe.
- Ibikorwa by'amashyaka muri iki gihe ni ibyo kunganira Guverinoma n'Ingabo z'Igihugu, nibumvire kandi bunganire ubutegetsi kuko batemerewe kubusimbura.

3. P.S.D. Yavugiwe na Minisitiri NDINDABAHIZI Emmanuel, akaba Perezida wa P.S.D. mu rwego rwa Perefegitura Kibuye.

Minisitiri NDINDABAHIZI yatangiye ubutumwa bw'ishyaka rye agira ati: Nibutse ko byagaragaye noneho; ntitezongera gushukwa.

- F.P.R. iti Guverinoma y'u Rwanda yatubujije gutaha. Bimaze kumenyekana ko ibeshya kuko u Rwanda rutigeze rwanga ko bataha, iti nta Demokarasi iba mu Rwanda. U Rwanda rumaze kwemera amatora ngo demokarasi yerekane ikifuzo cya benshi ~~bocahib~~-biba birayiyobeye!!!
- F.P.R. yashatse kwanga imishyikirano yongera gutera ibanje kwica Perezida wa Repubulika. Mu bayoboke bayo havumbuwe inyandiko zateguye intabara zo muri 93 n'izo mu ntangiriro za 94. Icyo gihe abanyarwanda twe twari turangamiye amahoro y'Arusha na ho bo bari mu myiteguro y'intambara yo kuzatumara.
- Mu mashyaka akomeye yo mu Rwanda bagize mo ibyitso kandi batuma acika mo ibice. Byagaragaye ko F.P.R. itashakaga isaranganywa ry'Ubutegetsi, ahubwo yari yagennye kubwikubira bwose uko bwakabaye. Mu gutegura abazayirwanira, bari barihimbye amazina y'ibyivugo ku rugamba kugira ngo mu gihe bahamagaranye tujye tuyoberwa uwo bavuze.
- F.P.R. yashatse ko kuva mu Ukuboza 93 kugeza bafashe Ubutegetsi ntacyo Guverinoma y'u Rwanda izaba ikora, ahubwo ko ari bo bazaba bibereye mu myiteguro yo gufata igihugu. Byaragaragaye muri iyi Guverinoma ihise.
- Nta mutegetsi w'u Rwanda uzongera kurangara. Iyo abategetsi b'u Rwanda bataba mo ibyitso ahubwo bakaba abagabo b'interahamwe, ntabwo u Rwanda ruba rwaragombye kugera aha !
- Ntabwo bikiri ibanga inyandiko zarabonetse, muri buri Komini F.P.R. yari ifite mo ingabo zagombaga kuzaturimbura umunsi umwe.
- Ibyabaye byarabaye, nta mutegetsi uzongera gukorera umwanzi.
- Muri F.P.R. bamaze kwizera ingufu, bashyize ku mugaragaro ko bashaka Minisiteri y'abatutsi, ikaba ari Minisiteri y'Ubutabera.
- Yasabye abayoboke ba P.S.D. ko bafatanya n'abandi bagaharanira umutekano w'Ighugu, ntibazakangwe n'uko mu ishyaka ryabo habonetse ibyitso byinshi, no mu yandi mashyaka menshi byarahabonetse kandi ntibizayabuza gukomeza gukora. Yasabye abakombozi kuziyandikisha ari benshi mu bazatozwa kurengera Igihugu.
- Mu gusoza ubutumwa bw'Ishyaka P.S.D., Minisitiri NDINDABAHIZI yasabye abaturage kuvuga hakiri kare umutegetsi basanga azabarcha, kuko muri iki gihe bigaragara buri wese abo aba avugira, niba ari F.P.R. cyangwa niba ari Guverinoma y'abanyarwanda.

IV. IBISUBIZO NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE YATANZE KU BIBAZO BYO MW'IJAMBO RYA PEREFE.

Io Hari imirimo myinshi yari yarahagaritswe mu cyayenge bategereje ko izasubukurwa F.P.R. imaze gufata ubutegetsi, bityo bikagaragara ko iyo idafata u Rwanda byose byari kuzasinzira burundi.

Ni yo mpamvu imirimo yose igomba gutangira, aho abakozi b'ingenzi babuze hagakorwa raporo ibyerekana bagasimburwa, abanze gukora na bo bikagaragara bagakomeza gutegerezza igehe F.P.R. izazira mu butegetsi.

- 2o Umuco mubi wo kwihanira nucike burundu. Umwanzi w'ubu si uwo umusanzwe mugira icyo mupfa; umwanzi ubu ni F.P.R.  
Mu gihe cyose azaba atarafasha intwarz hasi ngo asinye amasezerano y'amahoro, tuzashyira hamwe tumurwanye kandi tuzamutsinda. Mumenye ko F.P.R. yamenyesheje abayoboke bayo ko bagira abanzi bane.  
Uwa mbere ni M.R.N.D., uwa kabiri ni C.D.R., uwa gatatu ni umu PAWA ishyaka yaba ari mo ryose, uwa kane ngo ni impunzi y'umurundi.
- 3o Abajandarume baba bajya mu busahuzi nibareke kuba wa mukobwa uba umwe agatukisha bose. Abo ni abanzi b'igihugu; Umukuru w'Ingabo yasabwe kuzita kuri icyo kibazo. Hashyizweho Brigade ishinzwe kuzajya ibafata bakazamburwa intwarz bagashyikirizwa ubutegetsi bukazabahana.
- 4o Abaturage na bo nibumvireho bareke ubujura bwo gusahura bene wabo.  
Abantu nibareke gupfa ibintu kuko bifite agaciro gato, bamenye ahubwo ko amahoro atabonetse ntacyo byazabamarira. ubutegetsi bugomba gukora ibarura ry'imitungo yose idafite bene yo kugira ngo izagenerwe uburyo izakoreshwa.
- 5o Ibantu bya rusange ababijyanye bihitire kubigarurira ubutegetsi kuko kubiheza ari ugusenya igihugu bakrimo.
- 6o Ibikoresho byarabuze ariko uduke tubonetse Minisitiri w'imari azagerageza kujya adusaranganya neza ku buryo na Kibuye itaburaho.  
Lisansi isigaye yarahariwe ingabo, abashinzwe umutekanu n'abahahira abaturage ibyo kubatunga. Imodoka za Leta n'izi'imishinga ziri muri Perefegitura nizireke indi mirimo zidufashe kurwana iyi ntambara, amahoro naboneka ni bwo ibikorwa zari zishinzwe bizongera gusubukurwa.
- 7o Imishahara y'abakozi yari yabonetse y'ukwezi kwa gatatu, nyamara intambara yateye impapuro zayo zitaragera mu mabanki bahemberwa mo. Minisitiri w'Intebe yabasabye kwihangana kuko imibonano yagiranye n'abayobozi b'amabanki ituma bizera ko amafaranga azagera kuri beneyo vuba.  
- Kuri iyi ngingo Minsitiri w'imari yijeje abari mu nama ko n'imishahara y'ukwezi kwa kane izaboneka, ariko abakoresha bagomba kumenyesha Leta abakozi bakiri mu kazi kabo bakaba ari bo bazohererezwa amafaranga. Yashoje abibutsa kutazibagirwa gutanga umusanzu w'Ingabo z'u Rwanda.

#### V. IBIBAZO N'IBISUBIZO BYAHAWE ABARI MU NAMA.

1. Q.- Mari abaturage benshi bashishikajwe no kumenya amakuru y'u Rwanda nyamara ntibibashobokere kuko amaradiyo yabo atagira umurongo wa F.M., kandi uwa SW ntukivugira mo Radio Rwanda. Ntacyo Leta yakora kugira ngo Radio-Rwanda yongere kumvikanira hose ?  
- Umwe mu bari mu nama yashimye uburyo Radio-Rwanda isigaye itangaza amakuru kandi igashyigikira abanyarwanda n'ingabo zabo; mbese abayumva bishimiye ko yabohowe: Barifuza ko yajya ibagezaho n'icyo amaradiyo y'amahanga aruvugaho kuko hari abanyarwanda benshi batayiyumvira.

..../....

R. - Ibibazo bya Radiyo no gutumanaho: Umwanzi waduteye yihatiye kudusenyera uburyo bwo gutumanaho agira ngo aduheze mu bwigunge. Niyo mpamvu inkotanyi zihutiye gafata Jari na Nyanza yo hafi ya Rebero kugira ngo zisenye ibyuma byadufashaga gutumanaho n'amahanga. Ibyari byashenywe i Jari byarasanwe ariko gutumanaho n'amahanga twabigezeho twifashishije incuti zatumye u Rwanda rubona umurongo warwo kuri satelite y'itumanaho badashobora kongera gusenya. Ku kibazo cy'amaradiyo atagira F.M., umurongo wa SW wumvikanaga neza twifashishije iminara ya Radiyo y'abadage iri i Kinyinya none insinga zajyanagayo amajwi barazirashe kandi n'abadage bari kubidufasha mo barahunze. Ubwo rero abumviraga u Rwanda muri SW bazihangane bajye bavumba Radiyo ifite F.M. kugeza igithe uwo murongo uzasanirwa. Ababishoboye kandi baba baguze izifite F.M. Ku kibazo cy'ishimo bageneye Radiyo yivuguruye bayisaba no kujya ibagezaho ibyo amahanga avuga ku Rwanda, Minisitiri w'Itangazamakuru yijeje abari mu nama ko Radiyo Rwanda izahora yihatira gukora ibinogeye abanyarwanda barukunda, ariko yanavuze ko ibyo batarageraho batabarenganya kuko umubare w'abakozi wagabanutse cyane ku buryo no kubasimbuza abafite ubuhanga ngombwa bitazaba mu gihe kigufi cyane.

2. Q.- Mu Birambo hari ikibazo cy'amabandi azwi neza ariko akaba afite intwaro zituma abashinzwe umutekano muri ako karere badashobora kuyahashya no kuyafata ngo ahanwe.

R.- Perefe yasabwe kwifashisha Gendarmeri ya Kibuye bagafata ayo mabandi bakayashyikiriza inzego z'ubucamanza , byananirana Gendarumeri ya Kibuye ikaba yakwitabaza Minisitiri w'Ingabo akabongerera ingufu n'ibikoresho ngombwa.

3. Q.- Abari mu nama bababajwe n'uburyo MINUAR isa n'ishiyigikiye F.P.R., ndetse n'ababiligi bakoreraga inkotanyi ku mugaragaro bamaze kugenda zikomeza kwihsa inyuma y'ibirindiro bya MINUAR. Mbese kurega MINUAR icyo gikorwa ntibyashoboka ?  
 - Ikirego u Rwanda rwareze Ububirigi Gouvernement y'u Rwanda izemera kugisibisha nk'uko Ububiligi bwabyifuje ?  
 - Ko Generali Daller yabaye icyitso cya F.P.R. kuki ataregwa ngo ave ino !  
 - Kuki u Rwanda rutarega u Bugande mu muryango w'Abibumbye ngo badukize Museveni ko ari we ugiye kutumarisha inkotanyi ?

R.- Ku kibazo cyo kurega MINUAR Minisitiri w'Intebi yavuze ko yabonanye na Daller akamubwira ko F.P.R. yifatiye ibirindiro inyuma ya m 500 uvuye ku bigo bya MINUAR. Ntabwo rero MINUAR yahabirukana keretse ingabo z'u Rwanda arizo zishoboye kuhabavana kuko na zo iyo zihifatira mbere ntawari kuzibuza. Ubwo rero n'ubwo MINUAR izikingiye usanga nta cyaha yashinjwa. Abari mu nama basabye Minisitiri w'Intebi kuzashaka uburyo ahubwo MINUAR yahindurirwa icyicaro ntikomeze kuba ingabo yo gukingira abo bagome.  
 - Ntabwo u Rwanda ruzasibisha ikirego rwareze Ububiligi kuko gifite ishingiro kandi rukaba rudakangishwa. Ububiligi buzisobanura imbere y'urugaga mpuzamahanga ukuntu Perezida wacu yiciwe ku kibuga bari barinze ntibashobore no gusobanura icyo bakoze ngo adapfa kandi yarazize abantu batari kure yacyo.

..../....

KO248671

- Ku kibazo cya Daller, tumanye ko F.P.R. na yo iri mu kwanga Bobo wadukorera neza. Ubwo twinubira Daller kandi bigaragara ko MINUAR ayoboye ntacyo yakoze, uwasaba ko aijana n'abo yayoboraga bose bagasimbuzwa abashya gusa ahari byazemerwa.

- Kurega u Budande si cyo cyihutirwa mbere ya abyose, icyangombwa ni ukwegeranya ibimenyetso bibushinja icyaha kandi u Rwanda rukabona n'ibihugu bizarushyigikira muri urwo rubanza. Ubu rero ni cyo u Rwanda ruri mu gukora, abarwemera bashobora kuzahatira Museveni ktureka, niyanga tumaze kwizera inkunga y'ibindibihugu twaregeranyije n'ibimenyetso ni bwo twazarega. Kwandikisha ikirego nka kiriya ntibihubukirwa kiritonderwa cyane kuko ushabora no kurega bigafata ubusa kubera ibyo abaregerwa baba batekereza ku gihugu.

4. Q.- Umwe mu bari mu nama yavuze ko intambara ya gerira itagaba ibitero bigaragara ahubwo ikoresha udukipe twihisha mu mashyamba tugapfuruka twica abaturage. Icyifuzo cye kigahura n'icyundi wasabye ko abafite ingufu bose bahabwa intwaro zo guhangana n'izo nyeshyamba, cyane cyane nk'ibigo bya Leta bikorera muri kimeza.

R.- Kuri iki kibazo cyo gufasha abaturage kwirwanaho bakoresheje imbunda, igisubizo cyabaye ko muri buri Segiteri hazatoranywa mo abasore bazigishwa bagahabwa n'intwaro zo gufasha abaturage kurengera igihugu. Ibigo bya Leta na byo bizahabwa uburyo bwo kubirinda. Abashaka intwaro zo kwirinda ku giti cyabo bazakomeza kuzisaba mu buryo busanzwe babinyujije ku nama y'umutekano yo muri Prefegitura.

5. Q.- Habajijwe ikibazo cy'uburyo bizagenda ku bantu bafashije F.P.R. none bakaba bakiri mu butegetsi bw'iki gihugu.

R.- Abafatanije n'umwanzi ku buryo buzwi none bakaba bakiri mu baturage batarikosora bagomba guhambira utwangushye bagasanga izindi nkotanyi ku Murindi bakazagarukana na zo zemeye kuza muri Guverinoma y'inzibacyaho yaguye. Niba hari abakiri mu butegetsi bashyigikiye F.P.R. bagomba kugaragazwa vuba bakava mo.

6. Q.- Ahitwa Rugona mu Bisesero bya Komini Gisovu hari inkotanyi zafunze umuhanda Kibuye-Gishyita-Gisovu ujya i Gikongoro ku buryo n'abanyamaguru ubu batakihagenta. Hasabwe inkunga yo kuzihavana kuko zanani abashinzwe umutekano wo muri ako karere.

R.- Ubutegetsi busabwe gusuzuma neza niba abo bantu atari abaturage bagize ubwoba bakahahungira imirwano. Nibubona ibimenyetso bihamye ko ari inkotanyi zifite n'intwaro zamerera nabi abaturage, bazatabaze ingabo z'u Rwanda zizajyeyo kuhabavana.

7. Q.- Habajijwe ikibazo cy'amabanki y'abaturage menshi adakora muri rusange n'ikibazo cya Banki ya Gishyita yo itazabona n'imfunguzo.

R.- Minisitiri w'Intebe yavuze ko yabonanye n'abayobozi bayo bakamwizeza ko zizakora vuba kandi n'imfunguzo za Banki ya Gishyita ngo zarabonetse mu biro by'ubugenzuzi. Ubwo rero ni ukwihangana ntibizatinda.

...../.....

8. Q.- Umwe mu bari mu nama yifuje kumenya neza Itegeko ryakurikijwe mu gushyiraho Perezida wa Repubulika , undi abaza igehe kizashira ngo twitorere burundi niba inkotanyi zikomeje kwinangira zanga kuza mu nzibacyuho yaguye.

R.- Perezida wa Repubulika Nyakubahwa SINDIKUBWABO Théodor yagiye ho ku buryo bukurikije amategeko, kuko ingingo ya 42 y'Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 10 Kamena 1991 riteganya ko iyo Perezida wa Repubulika abuze cyangwa agize impamvu zimubuza gukora imirimio ashinzwe yo kuyobora igihugu, asimburwa by'agateganyo na Perezida w'Inama y'Ighihu Iharanira Amajyambere.

Hakurikijwe amasezerano amashyaka ari muri Guverinoma yagiranye, ishyaka rya M.D.R. ryatanzeho KAMBANDA Kandida wo kuba Minisitiri w'Intebe yemerwa n'Amashyaka yose agize Guverinoma kugira ngo asimbure Minisitiri w'Intebe UWIRINGIYIMANA Agata. Kuba F.P.R. itemera Guverinoma yashyizweho na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe KAMBANDA Yobani ntacyo bitwaye kuko atari f;p;r; ikorera, ahubwo ikorera abanyarwanda kandi barayemera. F.P.R. rero ntacyo biyirebaho kuko itari mu mashyaka yayishyizeho, yo izagira ijambo muri Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye.

Ku kibazo cy'igihe tuzatorera Perezida wa Repubulika F.P.R. nikomeza kwinangira, igisubizo ni uko igehe cya Perezida w'agateganyo kizongerwa kugira ngo Guverinoma iriho ubu igoragoze F.P.R. irebe ko yakwemera kuza mu nzibacyuho yaguye. Ikindi kizakorwa ni ugutora undi Perezida w'Inama y'Ighihu Iharanira Amajyambere kuko izakomeza imirimio yayo kugeza igehe Inteko Ishinga Amategeko yaguye izagiraho nk'uko bivugwa mu ngingo ya 9 y'Amasezerano y'Arusha yo ku wa 4 Kanama 1993 avuga uburyo ibyemeye mu masezerano bizashyirwa mu bikorwa. Nyuma y'Igihe ngombwa kizaba gihagije ngo tube twiteguye, abanyarwanda bashobora kuzitorera Perezida bakurikije amategeko asanzwe abagenga kuko ubwo amasezerano y'Arusha azaba yananiranye ngo na F.P.R. ize mu butegetsi bw'u Rwanda.

9. Q.- Umwe mu bagize inama yavuze ko muri Kibuye hari ingorane nyinshi zishingiye ku bwigunge bwo kudashobora gutumanaho byihuse, bityo imbabare zihari zakaba zazatinda kugobokwa.

R.- Igisubizo ni uko Ubutegetsi bwa Perefegitura bwifashishiye Service zimenya imbabare bwakora raporo vuba igaragaza imbabare zihari zigomba gufashwa bukayohherereza Guverinoma hagira ikiboneka na bo bakazazirikanwa.

10.Q.- Hari umurwanashyaka wa M.D.R. wifuje ko na yo yakwandika ku mugaragaro amabwiriza n'ubutumwa bigenewe abarwanashyaka bayo.

R.- Igisubizo ni uko amabwiriza n'ubutumwa bidatangwa mu nyandiko gusa, n'iyo abantu baganira bari no mu nama nk'iyi ubutumwa buratangwa. Yasabwe kuba yuvise ubutumwa bwatangiwe muri iyi nama, ahabwa urugero ku byavuzwe na Dr MUREGO, akaba agomba kuzabigeza no ku bandi bose bizaba ari ingirakamaro. Nta matangazo yanditse agomba gutegereza si ngombwa.

11.Q.- Kabajijwe ikibazo cy'igihe tuzavira mu cyunamo n'igihe Umukuru w'Igihugu azashyungurirwa.

R.- Icyunamo nikirangira imirimo izakomeza uko bisanzwe. Gushyingura Umukuru w'Igihugu bizategereza ige umutekano uzaba umaze kugarukira kugira ngo azaherekanywe icyubahiro n'abamukundaga bose bazabe bahari batikanga amasasu.

#### VI. IJAMBO NY'UMWE MU BAJE MU NAMA.

Mu kigwi cy'abari mu nama, ijambo ryafashwe na Burugumesitiri wa Komini Bwakira KABASHA Tarisisi kuko ari we Mukuru mu ba Burugumesitiri ba Kibuye. Yashimiye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe na Guverinoma y'abatabazi ayoboye kuba baragobotse igihugu no kuba ubwe yaje kuduhumuriza. Yamwijeje ko abanyakibuye tubari inyuma tukaba dushyigikiye intego z'ijo Guverinoma, tukaba tubahaye umutima wacu n'amaboko yacu kugira ngo bizayifashe kugera ku ntego yiyejemeje.

Twiyemeje gufatanya nk'uko n'abagize Guverinoma bafatanyije, dushimye uburyo Guverinoma yemeje bwo gufasha abaturage kurwanya umwanzi, twizeye gutsinda iyi ntambara kuko amayeri ya F.P.R. atazaruta ubwenge bw'abanyarwanda bafatanijrije hamwe.

Yarangije yifuriza Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe kuzakomeza kuyobora Guverinoma na nyuma y'intambara, bityo akazafasha abanyakibuye gusubukura imishinga y'amajyambere yadindijwe n'ibi byago turi mo.

#### VII. IJAMBO RYA BWANA PEREFE RISOZA.

Iyi nama ibaye ihuje n'izo twakoreye mu makomini ndetse no mu masegiteri. Ubwo bizwi neza ko umwanzi wacu ari F.P.R., ababonye ibimenyetso byose byarekana umugambi wazo muzabizanire ubutegetsi. Inyandiko bakoze, ibitabo bikubiye mo imigambi yabo, amabendera n'ibindi.

N'ubwo turi mu ntambara, twihatire gukurikiza amategeko kandi abakozi b'Ubutabera bahaguruke bafate abafite umutima mubi n'ubwangizi. Abafite ibantu bya Letabihutire kubigarura kuko nibatinda bizasakwa bikagaruzwa ku ngufu. Ntawigabira isambu ahubwo ayigabirwa n'Ubutegetsi.

Nimusubire mu kazi buri wese akore ibyo ashinzwe. Dufatanye twese kubungabunga umutekano, impamvu zidutanya tube tuzihoreye.

Perefe yasabye ko telefoni zirebana no kubahiriza umuteno zafungurwa, nibura kuri Perefe gitura hakaba nk'eshatu n'imwe muri buri Komini.

Yashimiye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe kuba Guverinoma ye yarazirikanye ubukene bw'abakozi Perefe gitura Kibuye yari isanganywe ikaba yarayihaye abasuperefe batatu, akaba yizeye ko n'ibindi bizaza buhoro buhoro.

...../....

KO248674


- 13 -

Yasabye ko abayobozi b'imirimo bahura n'abo bayobora bagakorana inama zungura ubutegetsi ibitekerezo.

Yashoje ashimira Nyakubahwa Minisitiri w'Intabe n'abamuharekeje kuba bagendereye Kibuye, hanyuma abifuriza kuza kugira urugendo rwiza mw'itaha.

Inama yashoje imirimo yayo saa cyenda n'iminota icumi.

Umuyobozi w'Inama  
Perefe wa Perefegitura Kibuye  
Dr KAYISHEMA Kelamati



Umwanditsi w'inama  
BUGINGO Yozefu.-

## UMUGEREKAA

**ABAJE MU NAMA Y'UMUTEBANO YA PEREFEGITURA KIBUYE YAYOBOWE NA  
NYAKUBAHWA BWANA MINISITIRI W'INTEBE KU WA 3 GICURASI 1994**

001. KAMBANDA Yohani, Minisitiri w'Intebé
002. KAYISEMA Kelementi, Perefe wa Perefegitura kibuye
003. NDINDABAHIZI Emmanuel, Minisitiri w'Imali
004. NIYITEGEKA Eliezer, Minisitiri w'Itangazamakuru
005. KAREMERA Edouard, Vise Perezida wa Mbere w'Ishyaka rya M.R.N.D.  
mu rwego rw'Ighugu
006. Dr MUREGO Donati, Umunyamabanga Mukuru wa M.D.R. mu rwego rw'Ighugu
007. MUNYAMPUNDU Sipiriyani, Umunyamabanga Mukuru mu Nama y'Ighugu Iharanira  
Amajyambere
008. SEBITABI Alphonse, Depite mu Nama y'Ighugu Iharanira Amajyambere
009. TWAGIRUMUKIZA Mariko, Conseiller A.J.A. ( Primature ).
010. HITIYAREMYE Matiyasi, Responsable Régional du MIFAPROGE à KIBUYE
011. BUGINGO Yozefu, Umukozi wa Perefegitura Kibuye *Lison Kibuye*
012. KABANDANA Déo, Umukozi wa Perefegitura KIBUYE
013. MUSHIMIYIMANA Joram, Directeur Générale d'Air Rwanda
014. UWIMANA J.Baptiste, Sous-Préfet de Sous-Préfecture BIRAMBO  
*Deputé*
015. HITIMANA Léonard, Médecin Hôpital Kibuye
016. KABASHA Tarisisi, Burugumesitiri wa Komini BWAKIRA
017. RWAGATARE Albert, Sous-Préfet de Préfecture Kibuye
018. BENIMANA Raphaël, Burugumesitiri wa Komini RUTSIRO
019. HAKIZIMANA Froduard, Sous-Préfet de Préfecture Kibuye
020. NDIMBATI Aloys, Burugumesitiri wa Komini GISOVU
021. BAGILISHEMA Ignace, Burugumesitiri wa Komini MABANZA
022. NDUHURA André, Président C.D.R. KIBUYE
023. KAJEGUHAKWA Eliezer, Evangliste d'Eglise Apostilique KIBUYE
024. KAYONGA Jean-Baptiste, Vise Perezida M.R.N.D. KIBUYE
025. FURERE Abel, Burugumesitiri wa Komini RWAMATAMU
026. KARARA Augustin, Burugumesitiri wa Komini GITESI *Lison Kibuye*
027. MURAGIZI Gabriël, Burugumesitiri wa Komini MWENDO
028. SIKUBWABO Charles, Burugumesitiri wa Komini GISHYITA
029. NGABIMANA Alexis, Chef du Service Central de Renseignement
030. GASHONGORE Fabien, Sous-Préfet de Préfecture KIBUYE
031. MUNYANKINDI Phénias, Umujyana wa Rwabisindu RWAMATAMU
032. HABIMANA Yozefu, Conseiller Communal GISOVU
033. KABERA Bernardin, Président wa M.R.N.D. Commune MWENDO
034. NGIRABABYEYI Etienne, Conseiller Communal GITESI
035. KAMENGERI Dieudonné, Pasteur de L'E.E.P. Commune RUTSIRO
036. NTAVEHO Etienne, Pasteur Représentant Régional wa A.E.B.R./KIBUYE
037. BUREGEYA Froduard, Conseiller Communal GITESI
038. BARAJIGINYWA Barnabas, Perezida w'Ishyaka Parti-Libéral Commune GITESI *A*
039. KAGEMANA J.M.V., Conseiller Communal GITESI
040. UKOBIZABA Emmanuel, Conseiller Communal GITESI
041. MICOMYIZA Evode, Directeur du G.S. APAPEGI
042. BAHATI Félix, Encapréjeuma KIBUYE
043. TWAGIRAYESU Tharcisse, Responsable S. F. P. KIBUYE

KO248676

U M U G E R E K A

ABAJE MU NAMA Y'UMUTEKANO YA PEREFEGITURA KIBUYE YAYOBOWE NA  
NYAKUBAHWA BWANA MINISITIRI W'INTEBE KU WA 3 GICURASI 1994

001. KAMBANDA Yohani, Minisitiri w'Intebé
002. KAYISHEMA Kelementi, Perefe wa Perefegitura kibuye
003. NDINDABAHIZI Emmanuel, Minisitiri w'Imali
004. NIYITEGEKA Eliezer, Minisitiri w'Itangazamakuru
005. KAREMERA Edouard, Vise Perezida wa Mbere w'Ishyaka rya M.R.N.D.  
mu rwego rw'Ighugu
006. Dr MUREGO Donati, Umunyamabanga Mukuru wa M.D.R. mu rwego rw'Ighugu
007. MUNYAMPUNDU Sipiriyani, Umunyamabanga Mukuru mu Nama y'Ighugu Iharanira  
Amajyambere
008. SEBITABI ALphonse, Depite mu Nama y'Ighugu Iharanira Amajyambere
009. TWAGIRUMUKIZA Mariko, Conseiller A.J.A. ( Primate ).
010. HITIYAREMYE Matiyasi, Responsable Régional du MIFAPROGE à KIBUYE
011. BUGINGO Yozefu, Umukozi wa Perefegitura Kibuye
012. KABANDANA Déo, Umukozi wa Perefegitura KIBUYE
013. MUSHIMIYIMANA Joram, Directeur Générale d'Air Rwanda
014. UWIMANA J.Baptiste, Sous-Préfet de Sous-Préfecture BIRAMBO
015. HITIMANA Léonard, Médecin Hôpital Kibuye
016. KABASHA Tarisisi, Burugumesitiri wa Komini BWAKIRA
017. RWAGATARE Albert, Sous-Préfet de Préfecture Kibuye
018. BENIMANA Raphael, Burugumesitiri wa Komini RUTSIRO
019. HAKIZIMANA Frouard, Sous-Préfet de Préfecture Kibuye
020. NDIMBATI Aloys, Burugumesitiri wa Komini GISOVU
021. BAGILISHEMA Ignace, Burugumesitiri wa Komini MABANZA
022. NDUHURA André, Président C.D.R. KIBUYE
023. KAJEGUHAKWA Eliezer, Evangeliste d'Eglise Apostilique KIBUYE
024. KAYONGA Jean-Baptiste, Visiperezida M.R.N.D. KIBUYE
025. FURERE Abel, Burugumesitiri wa Komini RWAMATAMU
026. KARARA Augustin, Burugumesitiri wa Komini GITESI
027. MURAGIZI Gabriël, Burugumesitiri wa Komini MWENDO
028. SIKUBWABO Charles, Burugumesitiri wa Komini GISHYITA
029. NGABIMANA Alexis, Chef du Service Central de Renseignement
030. GASHONGORE Fabien, Sous-Préfet de Préfecture KIBUYE
031. MUNYANKINDI Phénias, Umujyanama wa Rwabisindu RWAMATAMU
032. HABIMANA Yozefu, Conseiller Communal GISOVU
033. KABERA Bernardin, Président wa M.R.N.D. Commune MWENDO
034. NGIRABABYEYI Etienne, Conseiller Communal GITESI
035. KAMENGERI Dieudonné, Pasteur de L'E.E.P. Commune RUTSIRO
036. NTAVEHO Etienne, Pasteur Représentant Régional wa A.E.B.R./KIBUYE
037. BUREGEYA Frouard, Conseiller Communal GITESI
038. BARAJIGINYWA Barnabas, Perezida w'Ishyaka Parti-Libéral Commune GITESI
039. KAGEMANA J.M.V., Conseiller Communal GITESI
040. UKOBIZABA Emmanuel, Conseiller Communal GITESI
041. MICOMYIZA Evode, Directeur du G.S. APAPEGI
042. BAHATI Félix, Encapréjeuma KIBUYE
043. TWAGIRAYESU Tharcisse, Responsable S. F. P. KIBUYE

...../.....

044. NZAMWITA Ezéchiel, Président du Parti M.R.N.D. Commune GISOVU  
 045. RUBERANZIZA Martin, Responsable du CPDFP KIBUYE  
 046. SEBARERA Théophile, Directeur Centre Scolaire MUKUNGU (GISOVU)  
 047. NDAMAGE Telesphore, Directeur Centre Scolaire NYARUTAGARA (GISOVU)  
 048. NGEZAHAYO Abidan, Directeur du G.S.M.L. de GISOVU  
 049. NTAMATUNGIRO Simon, Umukozi wa Perefegitura KIBUYE  
 050. KAGABA Enos, Directeur Adjoint de l'ESI MUGONERO  
 051. HITIMANA Jean, Agent de l'U B P R KIGALI  
 052. RUZIGANA Michel J. Léonard, Entreprise ECOHYRWA\_membre du Conseil  
     Préfectoral de Kibuye.  
 053. NTAKIRUTIMANA Esdrasi, Directeur wa E S A P A N  
 054. NSENGIYUMVA Casimir, Directeur w'Ishuli rya GASENYI  
 055. MUNYANEZA J. Bosco, Agent du S F P K  
 056. LUHEMBO Christophe, Directeur du Collège Evangilique de la Paix-RUTSIRO  
 057. KARERA Augustin, Conseiller au MINESUPRES  
 058. SERUBIBI SOter, Responsable wa Cellule A I P K  
 059. RWARAKABIJE J. Bosco, Représentant Légal de l'Eglise Evangelique de la Paix  
 060. Dr Gérard NTAKIRUTIMANA, Médecin, Hôpital MUGONERO  
 061. MUNYANDEKWE Jéovanis, Agent du CO.P.P.M.AR  
 062. KUBWIMANA Jean, Agent SONARWA KIBUYE  
 063. BISENGIMANA Cyriaque, Président M.R.N.D. Commune GITESI  
 064. SIBOMANA Daniel, Chef du Volet Suivi-Evaluation à D R S A  
 065. BUGABO Hilaire, Chef du Centre de Pêche de Kibuye  
 066. TWAGIRA Charles, Médecin Directeur de la Région Sanitaire KIBUYE  
 067. Dr NTEZILIZAZA Eulade, Délégué de l'ONAPO à KIBUYE  
 068. IYAMUREMYE Fidèle, Receveur des Douanes KIBUYE  
 069. RUTABAGISHA François, RWANDATEL KIBUYE  
 070. NIYONSABA Nidocème, I A de joiteur RWANDATEL S A KIBUYE  
 071. NTIYAMIRA François, RWANDATEL KIBUYE  
 072. UWIZEYIMANA J. Chrysostome, Tribunal de Première Instance Kibuye  
     à Birambo. Jugistance  
 073. KWIZERA Aaron, Parquet Birambo  
 074. MIHIGO Juvénal, Vice-Présidinstance KIBUYE  
 075. NKUMBUYE Apollinaire, Premier Substitut au parquet KIBUYE  
 076. Pasteur NDUTIYE Bernard, Représentant Légal de l'Eglise Evangelique  
     Lutherienne au Rwanda  
 077. NKILIYE ELdephonse, Responsable Adjoint de la CAPAD  
 078. NIZEYIMANA Gabriel, Inspecteur d'Arrondissement Adjoint  
 079. KAMANZI Yozefu, Responsable de l'Agence SONARWA KIBUYE  
 080. NKAKA Ezéchias, Rév. Pasteur ADEPAR KARENTERA  
 081. NKUNDIMANA Théophile, Agent des Postes  
 082. NTIBESHA Fidèle, Chef de sce statistique KIBUYE  
 083. SAFARI Justin, C.S.R. KIBUYE  
 084. NSENGAMUNGU François X., Directeur de l'UGZI  
 085. RWABUKWISI, Secrétaire Préfectoral M.D.R. KIBUYE  
 086. KARUGEMA Jean, Présicanto, MWENDO  
 087. Pr NTAKIRUTIMANA Elizephan, Président Association de l'Eglise Adventiste  
     du 7ème jour B.P. 68 KIBUYE  
 088. BUTERA Mathias, Etudiant à l'UNR - CUB/ ING.II AGIRO  
 089. NYARUGWIZA Joseph, OCIR - THE GISOVU  
 090. NAMUHORANYE Athanase, Division Gestion du Personnel sec.(MINEPRISEC  
 091. NDINDABO J. Damascène, P S D KIBUYE  
 092. NYANGURUNDI Laurent , Service Agricole KIBUYE  
 093. GAHAMANYI ANastase, Directeur ISAR-GAKUTA ( GISOVU  
 094. MURERA Raphaël, Directeur Adjoint Bibliothèque U.N.R. RUHENERI  
 095. MASTAKI Albert, Chargé Personnel COLAS

096. HABIMANA Tatien, Gérant du Guest House KIBUYE  
 097. HITIYAREMYE André, Chef Division Domaine MINITRAPE  
 098. NIYONGIRA Janvier, Inspecteur des Impôts MINIFIN  
 099. BALIHIMA Jean Damascène, Secrétaire Régional de la C.C.R.  
 100. HALINDINTWALI Festus  
 101. UTAZI Martin, Service Vérification  
 102. MUNYANEZA Placide, Technicien RWANDATEL KIBUYE  
 103. MUHIMANA Michée, Conseiller Communal GISHYITA  
 104. SIBOMANA Philippe, Commerçant KIGALI  
 105. RUZINDANA Obed, Commerçant Transporteur KIGALI-KIBUYE  
 106. AHISHAKIYE Odette, Agent de Préfecture KIBUYE  
 107. KAMPAME Claudette, Agent de Préfecture KIBUYE  
 108. HATUNGIMANA Théoneste, Agent de Préfecture KIBUYE  
 109. BANYURWANIKI Mathias, Conseiller Communal RUTSIRO  
 110. BATWARE Simon, Conseiller Communal RUTSIRO  
111. RUTAGANIRWA Vincent Conseiller Communal GISHYITA  
 112. SEGATARAMA Simon, Conseiller Communal GOSOVU  
 113. NYILINDEKWE Aaron, Conseiller Communal GISOVU  
 114. MUNYANSHONGORE Uzias, Conseiller Communal GISOVU  
 115. NDUTIYE Etienne, Conseiller Communal RWAMATAMU  
 116. BASENYERUWENDA Elie, Président M.R.N.D. Commune RUTSIRO  
 117. NYIRASAFALI Véronique, Comptable Commune RUTSIRO  
 118. GASUMBA Joseph, Conseiller Communal GISOVU  
 119. RUGAGAZA Abdan, Conseiller Communal GISOVU  
 120. MUNYAMPIRWA Félicien, Conseiller Communal GISOVU  
 121. RUFUKU Fabien, Conseiller Communal GISOVU  
 122. MUNYESHAKA Cyriaque, Conseiller Communal BWAKIRA  
 123. MUGABONAKE Cyprien, Conseiller Communal BWAKIRA  
 124. NKULIKIYINKA , Conseiller Communal BWAKIRA  
 125. NSHOGOZA Emmanuel  
 126. SEMUHUNGU Gérard, Conseiller Communal MWENDO  
 127. MUKOTANYI Martin, Conseiller Communal GITESI  
 128. NGEZENUBWO Frédéric, Conseiller Communal GITESI  
 129. HAVUGIMANA Athanase, Président P.L. MWENDO  
 130. NAMBAJIMANA François, Umujuyanama wa Komini GITESI  
 131. MBANDANYI Enias, Conseiller Communal BWAKIRA  
 132. NDESHAMANZI Phénias, Inspecteur de Secteur Scolaire GITESI  
 133. NZABANDORA Charles, Gérant B.C.R. KIBUYE  
 134. REBERO Joseph, Surveillant des P & CH KIBUYE  
 135. TUMUSIFU Pater, Inspecteur des B C H U. KIBUYE  
 136. HAKIZAMUNGU Emmanuel, Chef du réseau ELECTROGAZ KIBUYE  
 137. NSANZIMANA Emmanuel, Etudiant  
 138. HARELIMANA Simon, Chef de Poste KILINDA ( ELECTROGAZ )  
 139. NTAHONTUYE J.M.Vianney, Dirprison KIBUYE  
 140. HAKIZIMANA Thomas, Chef adjoint-Garage MINITRAPEE  
 141. HISHAMUNDA Charles, Conseiller RUTISRO  
 142. KANYEMANZA Anastase, Agent de Recensement RUTSIRO  
 143. HAVUGIMANA Hesron, Chef de Poste ELECTROGAZ KARONGI  
 144. NYOMBAYIRE François, Contrôleur des Finances Publiques KIBUYE  
 145. NGAMIJIYAREMYE Janvier, Directeur a.i. D S A KIBUYE  
 146. NTAMUKUNZI Joué, Professeur à l'ESI KILINDA  
 147. RWABUKERA Manassé, Conseiller Communal RWAMATAMU  
 148. HATEGEKIMANA Emmanuel, Enseignant

149. NGILIMANA Chadrack, Conseiller Communal RWAMATAMU  
 150. MURWANASHYAKA J.Bosco , Gérant B L RWAMATAMU  
 151. MYANDAGARA Eliam - Prudent, Agent de cadre B C R  
 152. NAYABO Ildéphonse, Professeur à l'E.D.A. BIRAMBO  
 153. REBERO Théophile, Professeur & Evangeliste au Groupe Scolaire KARENTERA  
 154. IYAMUREMYE Aaron, C/O COBRA SECURITE KIGALI  
 155. MAJYAMBERE , MASO  
 156. RWABAGINA Boniface, Mwalimu w'Itorero rya Pantecote ku Kibuye  
 157. MBERABAGABO Léopold, Nikorera ku giti cyanjye  
 158. MUNYANKURAZA faustin, M.R.N.D. Segiteri Kagunga MWENDO  
 159. UKOBIZABA AMinadabu, Conseiller Communal MWENDO  
 160. SEUHAGO Damien, Conseiller Communal MWENDO  
 161. SEBASHI Céléstin, Conseiller Communal MWENDO  
 162. SEKABWA Samuel, Conseiller Communal MWENDO  
 163. URAYENEZA Boniface, Conseiller Communal MWENDO  
 164. MUGENARUGAMBA, Conseiller Communal MWENDO  
 165. NIYIBIZI Emmanuel, Inspecteur des Secteur Scolaire MWENDO  
 166. NSANZIMANA André, Intendant de l'Ecole Secondaire de GASENYI  
 167. NAMBAJIMANA Martin, Responsable Programme ALPHA au Projet Lutte contre  
     la famine  
 168. BAVAKURE Marc, Pasteur E.M.L.R. KIBUYE  
 169. Maindron Gabriel, Curé de la Crête Nil  
 170. NZARORA Raphaël, F A B/ASC RWAMATAMU  
 171. MUGAMBIRA APhrodis, Commerçant  
 172.NSENGIYUMVA Marcellin, Directeur E S I KILINDA  
 173. MULINDANGWA Vincent , Umuhinzi  
 174. UZAMUKUNDA Prudence, Secrétaire Cellule A I P K  
 175. KAREMANGINGO ALEXIS, Conseiller Communal RWAMATAMU  
 176. GASAGARA ELie, Directeur Adjoint des Projets IDA Education  
 177. MUGANGA Salathiel, Agent de Banque ( BACAR )  
 178. MURENZI RUREMESHA Ephraïm, Commerçant BIRAMBO  
 179. SEMIRINDI Moïse, Commerçant BWAKIRA  
 180. BANKUNDIYE Ismaël, conseiller Communal RWAMATAMU  
 181. GASHUMBA Jean Baptiste, Conseiller Communal BWAKIRA  
 182. RULIKIBAYE Simon, Représentant M.D.R. MWAKIRA  
 183. NTAWIRUKANAYO Fidèle, Directeur de l'I.P.K. ( KIRINDA  
 184. Dr KAMANZI Antoine, Directeur de l'Hôpital KIRINDA  
 185. A.M. NSENGIYUMVA léonard, Responsable du centre de Transfusion Sanguine  
     de KIBUYE  
 186. RWABUKERA Ephraïm, Agent de l'Etat GITÉSI  
 187. HABIYAMBERE Naphtal, Pasteur de l'E.M.L.R. GITÉSI ( KIBUYE )  
 188. SINDIHOKUBWABO Léon Fidèle, Conseiller Communal BWAKIRA